RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 09-15 Gicurasi




P1. Ikipe ya Gisagara VC yaserukiye u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yabaye aya mbere iwayo mu bagabo "Men's African Volleyball Clubs Championship 2022" yitwaye neza ikora amateka yegukana umwanya wa 3

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 Volleyball: Gisagara VC yegukanye umwanya wa gatatu muri Afurika

P2 Karate: Irushanwa ryo Kwibuka ryitabiriwe n'abakinnyi 219

P3 Tennis: Niyigena na Umulisa begukanye irushanwa ryo Kwibuka

P4 Football: Nyuma y'umunsi wa 27 wa shampiyona, APR FC na Kiyovu ziranganya amanota

P5 Basketball: Imikino y'icyiciro cya kabiri mu bagabo yarakomeje

P5 BAL 2022: REG BBC yatsinze imikino ibiri ya gicuti

P6 Cricket: IPRC-Kigali CC na Zonic Tigers CC zegukanye igikombe cya shampiyona

P7 Handball: Uko imikino ya shampiyona yagenze mu byiciro bitandukanye

P8 Athletics: Kigali Night Run ibanziriza Kigali International Marathon 2022 yitabiriwe na benshi

P8 ARPST: Imikino y'umunsi wa 6 ya championnat y'abakozi yarakomeje

P9 NPC Rwanda: Habaye Inama y'inteko rusange isanzwe

# Volleyball:

## Gisagara VC yegukanye umwanya wa gatatu muri Afurika

Ikipe ya Gisagara VC yaserukiye u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yabaye aya mbere iwayo mu bagabo "Men's African Volleyball Clubs Championship 2022" yitwaye neza ikora amateka yegukana umwanya wa 3 iba ikipe ya mbere mu Rwanda ibashije kwegukana umwanya nk'uyu ku rwego rw'Afurika.

Iyi kipe yitwaye neza yegukana umwanya wa 3 itsinze ikipe ya Port de Douala yo muri Cameroun amaseti 3-1 (18-25, 25-23, 25-18 na 25-18). Gisagara VC yabaye ikipe ya mbere mu mateka y'u Rwanda isoreje ku mwanya wa 3 mu mikino y'Afurika kuko iheruka gukora aya mateka ni UNR VC muri 2011 aho yasoreje ku mwanya wa 4.

**Inzira Gisagara VC yanyuzemo:**
Ikipe ya Gisagara VC yari mu itsinda D hamwe na Nigeria Customs (Nigeria), Port de Douala (Cameroun) na Equity Bank (Kenya).

Mu mikino y'amajonjora mu itsinda, Gisagara VC yatsinze Port de Douala amaseti 3-1 (25-18, 20-25, 25-21 na 31-29), itsinda Equity Bank amaseti 3-1 (25-18, 22-25, 25-15 na 25-18) inatsinda Nigeria Customs amaseti 3-2 (20-25,25-16,24-26,25-17 na15-13).

Muri 1/4 cy'irangiza, ikipe ya Gisagara VC yatsinze CO Kelibia yo muri Tunisia amaseti 3-2 (29-27, 22-25, 16-25, 25-23 na15-12). Muri 1/2 yatsinzwe na Esperance Sportive de Tunis yo muri Tunisia amaseti 3-0 (25-21, 25-14 na 25-20). Mu guhatanira umwanya wa 3, Gisagara VC yitwaye neza itsinda Port de Douala amaseti 3-1. Aya amakipe yombi akaba yari no mu itsinda rimwe.

Ikipe ya Gisagara VC iyi yari inshuro ya 2 yitabiriye imikino y'Afurika kuko muri 2019 yitabiriye bwa mbere ubwo iyi mikino yaberaga mu Misiri maze isoreza ku mwanya wa 10 mu makipe 22 yari yitabiriye.

**Al Ahly yegukanye igikombe ikomeza kubaka ibigwi:**
Ikipe ya Al Ahly yo mu Misiri ni yo yegukanye igikombe cy'Afurika itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Esperance de Tunis (Tunisia) yari ifite igikombe giheruka cya 2021. Muri uyu mukino Al Ahly yatsinze Esperance de Tunis amaseti 3-1 (25-22, 25-22, 24-26 na 25-17).

Ikipe ya Al Ahly ikomeje kubaka ibigwi kuko ni yo imaze kwegukana iki gikombe cy'Afurika inshuro nyinshi (15) mu gihe ikipe iyikurikiye, CS Sfaxien (Tunisia) imaze kwegukana ibikombe 6 hakaza Zamalek VC (Misiri) na Esperance de Tunis (Tunisia) zifite ibikombe 5.

**Uko amakipe yakurikiranye:**

Imikino y'Afurika y'uyu mwaka wa 2022 yatangiye taliki 08 isozwa 16 Gicurasi yitabirirwa n'amakipe 14, irushanwa rikaba ryararangiye akurikirana mu buryo bukurikira:

**1.** Al Ahly
**2.** Esperance
**3.** Gisagara VC
**4.** Port Douala
**5.** Kenya Ports Authority
**6.** Club Olympique de Kelibia
**7.** Nigeria Customs
**8.** FAP
**9.** AS Douanes
**10.** Equity Bank of Kenya
**11.** Madda Walabu University
**12.** AS INJS
**13.** VC Espoir
**14.** Wolaitta Dicha




*Gisagara VC yegukanye umwanya wa 3 mu mikino y'Afurika y'amakipe yabaye aya mbere iwayo mu bagabo "Men's African Volleyball Clubs Championship 2022".*

# GMT 2022

# **Karate:** Irushanwa ryo Kwibuka ryitabiriwe n'abakinnyi 219

Buri mwaka Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" ndetse na Komite Olempike y'u Rwanda ategura imikino yo Kwibuka abari mu muryango mugari wa Siporo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ku Cyumweru taliki 15 Gicurasi 2022, Ishyirahamwe ry'umukino njyarugamba wa Karate mu Rwanda "FERWAKA" ryateguye irushanwa "Karate Genocide Memorial Tournament 2022", iri rushanwa ryabereye muri Lycée de Kigali ryitabirwa n'abakinnyi 219.

Nyuma yo gukina mu byiciro bitandukanye, mu kwiyereka mu bagabo "Kata", Niyitanga Halifa yabaye uwa mbere, akurikirwa na Gusenga Yves Bertrand naho Nyirumuringa Aime na Nsabimana Samuel basoreza ku mwanya wa 3.

Mu bagore, uwa mbere yabaye Uwase Razia akurikirwa na Mukangoboka Marie Solange naho Abayisengana Yezakuzwe Ruth baza ku mwanya wa 3.

Mu cyiciro cyo kwiyereka "Kata", ikipe ya Zen Karate-Do yegukanye umwanya wa mbere ikurikirwa na The Champion Karate-Do naho UR Huye na Police Karate-Do zisoreza ku mwanya wa 3.

Mu cyiciro cyo kurwana "Kumite" mu bagore, Ishimwe Sandrine yegukanye umwanya wa mbere akurikirwa na Gashagaza Solange naho Niyonkuru na Mukangoboka Marie Solange baza ku mwanya wa 3.

Mu bagabo mu cyiciro cyo kurwana "Kumite", ikipe ya Okapi yabaye iya mbere ikurikirwa na UR Huye naho The Champions na Mamaru Kicukiro Karate Do ziza ku mwanya wa 3.

Visi Perezida wa FERWAKA, Karamaga Barnabe yagaragaje ko iri rushanwa ryitabiriwe n'abakinnyi benshi ugereranyije n'amarushanwa yabanje.

Yakomeje ashishikariza abitabiriye iri rushanwa ryo Kwibuka gukomeza kurangwa n'indangagaciro zibereye Umunyarwanda igihugu cyifuza ndetse no gufata iyambere mu guhangana n'ingegabitekerezo ya Jenoside mu miryango bavukamo, mu bigo bigamo, aho bakora n'ahandi hose bagera kuko uruhare rwa buri muntu rukenewe kugirango Jenoside ntizongere kuba ukundi.

## Abibukwa by'umwihariko muri Karate

Mu bari mu muryango mugari wa Karate bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 hari Gahamanyi Jean Leonard, Kagabo Clement, Nduwumwe Aime, Nduwumwe Ange, Ndawumwe Angelique, Nyamuvugwa Joseph, Rurangira Emile, Rurangisa Aimable, Kalisa Jean Marie Vianney, Butare Emmanuel, Rwiyegura Ange,Rwakayiro Yves, Nyiribakwe Emile na Niyonzima Etienne.




*Ikipe ya Okapi ishyikirizwa igikombe nyuma yo gutsinda UR HUYE ku mukino wa nyuma.*

# GMT 2022

# **Tennis:** Niyigena na Umulisa begukanye irushanwa ryo Kwibuka

Ku Cyumweru taliki 15 Gicurasi 2022 ni bwohasojwe irushanwa ryo Kwibuka ku nshuro ya 28, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 “Tennis-Genocide Memorial Tournament 2022” ryaberaga ku ku bibuga bya Tennis biherereye muri Ecology Tennis Club ku Kicukiro kuva taliki 09 Gicurasi 2022.

Iri rushanwa ngarukamwaka ryari ryitabiriwe n’abakinnyi bari mu byiciro bitandukanye birimo, abatarabigize umwuga (Amateurs), ababigize umwuga (Professionals) ndetse n’abantu bafite ubumuga (Wheelchair Tennis).

Abagera ku 120, bitabiriye iri rushanwa mu byicaro byombi abagabo n’abagore, baturutse mu makipe atandukanye arimo Amahoro TC, Cercle Sportif de Butare, Nyanza TC, Ibirunga TC, Nyarutarama TC, Kanombe TC, CIMERWA TC, Cercle Sportif de Kigali TC na Ecology TC.

**Abakinnyi bitwaye neza mu byiciro bitandukanye**

Mu babigize umwuga, Niyigena Etienne mu bagabo na Umulisa Joselyne mu bagore ni bo bitwaye neza begukana iri rushanwa.

Niyigena Etienne yegukanye igikombe atsinze Uwizeyimana Mathieu ku mukino wa nyuma, amaseti 2-0 ( 6-0 na 6-4) naho Umulisa Joselyne mu bagore yatsinze Ingabire Meghane ku mukino wa nyuma amaseti 2-0 (6-2 na 6-3).

Aba bahize abandi muri iki cyiciro, buri umwe yahawe igikombe giherekejwe n'ibahasha y'amafaranga ibihumbi 70 y'u Rwanda.

Mu batarabigize umwuga, mu bagabo, Bahati Theoneste ni we wegukanye igikombe atsinze Kayitare Serge.

Mu bakina ari babiri, ikipe ya M. Islonna N. Damien yegukanye umwanya wa mbere itsinze ikipe ya Kayija na Joseph Bizimana.
Mu batarabigize umwuga bakina ari babiri,ikipe ya Karekezi Jean na Kayitare Serge yegukanye igikombe itsinze ikipe ya Bahati Theoneste na Rutagemwa Donat.

Mu cyiciro cy’abantu bafite ubumuga “Wheelchair Tennis Professionals”, mu bagabo, Ndayishimiye Ernest yegukanye igikombe naho Dusengimana Jean Luc yegukana umwanya wa kabiri. Mu bagore, Imanishimwe Yvonne yeguanye igikombe atsinze ku mukino wa nyuma Mutesi Faith.

**Amazina y'abakinnyi ba Tennis bibukwa**

Muri iri rushanwa ry’uyu mwaka wa 2022, hibukwaga by’umwihariko abahoze ari abakinnyi b’umukino wa Tennis bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Aba ni Kanyamahanga Gaston, Nyamunyura Samuel, Havugimana Emmanuel, Gatera Vincent (Club de Butare), Rubangura François, Kwitonda Theogene, Ruzindana (CSK TC), Rutahira Vedaste (Hotel Umubano TC), Rutayisire Fidele, Bayingana J. De Dieu na Ruzindana (Remera TC).




*Umulisa Joselyne yakira igikombe nyuma yo kuba uwa mbere mu bagore mu babigize umwuga.*

# Football:

## Nyuma y'umunsi wa 27 wa shampiyona, APR FC na Kiyovu ziranganya amanota

Mu mpera z'icyumweru gishize, taliki 14 na 15 Gicurasi 2022 habaye imikino y'umunsi wa 27 muri shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo .

Ikipe ya ya Kiyovu nyuma yo gutsinda APR FC ibitego 2-1, amakipe yombi yahise anganya amanota 60 mu gihe hasigaye imikino 3 ngo shampiyona isozwe.

Indi mikino y'umunsi wa 27 yabaye, Marines FC yatsinze Etincelles FC ibitego 4-1, Etoile de l'Est FC itsinda Espoir FC ibitego 3-1, Bugesera FC itsindwa na Gorilla FC ibitego 4-1.

Ikipe ya Gicumbi FC yanganyije na Gasogi United 0-0, Musanze FC inganya na Rayon Sports 1-1, Rutsiro FC inganya na AS Kigali 0-0 naho Police FC inganya na Mukura igitego 1-1.

**Nyuma y'imikino y'umunsi wa 27, uku niko amakipe akurikirana**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 27 | 60 |
| 2 | Kiyovu | 27 | 60 |
| 3 | Rayon Sports | 27 | 44 |
| 4 | AS Kigali | 27 | 42 |
| 5 | Mukura VS | 27 | 41 |
| 6 | Police FC | 27 | 37 |
| 7 | Musanze FC | 27 | 37 |
| 8 | Espoir FC | 27 | 33 |
| 9 | Marines FC | 27 | 33 |
| 10 | Etincelles FC | 27 | 31 |
| 11 | Bugesera FC | 27 | 30 |
| 12 | Gasogi United | 27 | 30 |
| 13 | Gorilla FC | 27 | 29 |
| 14 | Rutsiro FC | 27 | 26 |
| 15 | Etoile de l'Est FC | 26 | 26 |
| 16 | Gicumbi FC | 26 | 18 |








*Abafana ba Kiyovu bishimira intsinzi.*

# Basketball

## Imikino y'icyiciro cya kabiri mu bagabo yarakomeje

Taliki 14 na 15 Gicurasi 2022 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagabo mu mukino wa Basketball.

**Uko imikino yagenze:**

**Taliki 14-05-2022**

- Black Thunders 46-45 The Hoops Juniors
- Flame 61-63 Wibena
- Karongi BBC 47-11 Orion
- Kicukiro Buckets 62-64 UR CST

**Taliki 15-05-2022**

- UR CAVBM 50-74 UR CBE
- Elite BBC 91-63 ITS Kigali
- UR CE 82-71 Spartans
- Intare BBC 68-73 Inspired Generation






## BAL 2022: REG BBC yatsinze imikino ibiri ya gicuti

- REG BBC 77-67 Kuwait
- REG BBC 65-74 Bahrain
- REG BBC 89-53 Qatar

Kuva taliki 21 kugeza 28 Gicurasi 2022 mu Rwanda hazabera imikino ya nyuma ya BAL 2022 aho ikipe ya REG BBC ihagarariye u Rwanda izakina na FAP yo muri Cameroun mu mukino wa ¼ uteganyijwe taliki 21 Gicurasi 2022.

Mu rwego rwo kwitegura, ikipe ya REG BBC yakoreye umwiherero w'icyumweru Istanbul muri Turukiya aho yakinnye imikino 3 ya gicuti igatsindamo ibiri igatsindwa umwe.

Ikipe ya REG BBC taliki 10 Gicurasi 2022 yatsinze ikipe y'igihugu ya Kuwait amanota 77 kuri 67. Mu mukino wa kabiri wabaye taliki 11 Gicurasi 2022, REG BBC yatsinzwe n'ikipe y'igihugu ya Bahrain amanota 74 kuri 65 naho umukino wa nyuma wabaye taliki 12 Gicurasi 2022, ikipe ya REG BBC yitwara neza itsinda ikipe y'igihugu ya Qatar amanota 89 kuri 53.

Iyi kipe ya REG BBC ku Cyumweru taliki 15 Gicurasi 2022 ni bwo yagarutse mu Rwanda. Iyi kipe kandi mu bakinnyi yakinishije mu mikino y'amajonjora hiyongereyemo Gasana Kenneth usanzwe amenyerewe mu ikipe y'igihugu y'u Rwanda ndetse na Abdoulaye Ndoye waturutse muri Senegal ariko wavukiye muri Amerika.



# Cricket:

## IPRC-Kigali CC na Zonic Tigers CC zegukanye igikombe cya shampiyona

Ku Cyumweru taliki 15 Gicurasi 2022 kur Sitade Mpuzamahanga y'umukino wa Cricket i Gahanga habereye imikino ya nyuma muri shampiyona y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri mu bagabo aho ikipe ya IPRC-Kigali CC yegukanye igikombe mu cyiciro cya kabiri nahoZonic Tigers CC yegukana igikombe mu cyiciro cya mbere.

Mu cyiciro cya kabiri, ikipe ya IPRC-Kigali CC yakinnye na Right Guards CC. Muri uyu mukino, IPRC-Kigali CC yatangiye ikubita agapira ishaka amanota "Batting" aho mu dupira 120 yakoze amanota 153 abakinnyi 3 bakava mu kibuga "3 Wickets".

Ikipe ya Right Guards CC yasabwaga amanota 154 kugirango itsinde yatangiye igice cya kabiri ikubita agapira ishaka amanota "Batting" ariko mu dupira 120 ikora amanota 134, abakinnyi 6 bava mu kibuga "6 Wickets". Ikipe ya IPRC-Kigali CC ikaba ari yoyahise yegukana intsinzi ku kinyuranyo cy'amanota 19.

Muri uyu mukino, Manishimwe Oscar wa IPRC Kigali CC ni we wabaye umukinnyi witwaye neza muri uyu mukino akaba yaratsinze amanota 55 mu dupira 62 yakinnye.

Mu cyiciro cya mbere, ikipe ya Zonic Tigers CC yakinnye na Kigali CC. Ikipe ya Zonic Tigers CC niyo yatangiye ikubita agapira ishaka amanota "Batting" maze ishyiraho amanota 212 mu dupira 120 havuyemo abannyi 4 "4 wickets".

Ikipe ya Kigali CC ntiyabashije gukuraho agahigo kari kashyizweho na Zonic Tigers CC kuko bamaze gutsinda amanota 112, ikipe ya Zonic Tigers CC yakuyemo abakinnyi bose ba Kigali CC "10 Wickets" umukino uhita urangira.

Umukinnyi w'ikipe ya Zonic Tigers CC, Asaba Bryan ni we witwaye neza muri uyu mukino aho yatsinze amanota 120 mu dupira 60 yakinnye.



*IPRC-Kigali CC ikina na Right Guards CC*



*IPRC-Kigali CC*



*Zonic Tigers CC*

# Handball:

# Uko imikino ya shampiyona yagenze mu byiciro bitandukanye

Shampiyona y'u Rwanda mu mukino wa Handball mu mpera z'icyumweru gishize taliki 14 na 15 Gicurasi 2022 yarakomeje ahakinwe imikino y'icyiciro cya mbere mu bagabo, mu bagore ndetse n'imikino y'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

**Icyiciro cya mbere mu bagabo**

**League A**

- Munyove HC 0-20 UR Huye (Forfeit)
- St Martin Hanika 10-24 ES Kigoma
- Police HBC 39-27 UR Huye
- Munyove HC 21-39 ES Kigoma
- St Martin Hanika 27-38 UR Huye
- Munyove HC 17-51 Police HBC

**League B**

- EDEGI 39-25 UR Rukara

**Icyiciro cya mbere mu bagore**

**League A**

- GS Kitabi 19-12 UR Rukara
- ISF Nyamasheke 17-12 Three Stars
- UR Rukara 07-20 ISF Nyamasheke
- GS Kitabi 10-15 Three Stars
- GS Kitabi 19-24 ISF Nyamasheke

**League B**

- Gicumbi WHT 43-06 UR Nyagatare
- UR Nyagatare 21-10 UR Remera
- Kiziguro SS 41-06 UR Huye
- UR Remera 07-57 Kiziguro SS
- UR Huye 08-44 Gicumbi WHT

**Icyiciro cya kabiri mu bagabo**

**League A**

- UR Nyarugenge 31-23 UR Busogo
- UR Remera 17-30 Vision JN
- UR Gikondo 28-22 UR Nyarugenge
- Vision JN 21-21 UR Rusizi
- UR Nyarugenge 25-29 UR Rusizi
- Vision JN 30-24 UR Busogo

**League B**

- Mutenderi TVET School 29-19 GS St Aloys
- UR Nyagatare 25-29 Gorillas HC
- UR Rwamagana 27-18 Mutenderi TVET School
- GS St Aloys 20-26 Gorillas HC

**FEDERATION RWANDAISE DE HANDBALL**

**2022 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE-DIVISION 1**

**TABLE STANDINGS**

| LEAGUE A TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Police HBC | 6 | 6 | 0 | 0 | 307 | 131 | 176 | 18 |
| 2 | ES Kigoma | 6 | 4 | 0 | 2 | 191 | 159 | 32 | 14 |
| 3 | UR Huye | 6 | 4 | 0 | 2 | 165 | 160 | 5 | 14 |
| 4 | GS St. Martin Hanika | 6 | 1 | 0 | 5 | 132 | 221 | -89 | 8 |
| 5 | Munyove HC | 6 | 0 | 0 | 6 | 108 | 232 | -124 | 6 |

| LEAGUE B TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Gicumbi HT | 4 | 4 | 0 | 0 | 168 | 68 | 100 | 12 |
| 2 | APR HC | 4 | 3 | 0 | 1 | 118 | 98 | 20 | 10 |
| 3 | ADEGI | 4 | 2 | 0 | 2 | 121 | 118 | 3 | 8 |
| 4 | Nyakabanda HC | 4 | 1 | 0 | 3 | 99 | 117 | -18 | 6 |
| 5 | UR Rukara | 4 | 0 | 0 | 4 | 73 | 178 | -105 | 4 |

**FEDERATION RWANDAISE DE HANDBALL**

**2022 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE-DIV 2**

**TABLE STANDINGS**

| LEAGUE A TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | UR Gikondo | 5 | 4 | 0 | 1 | 116 | 74 | 42 | 13 |
| 2 | Vision JN | 5 | 3 | 1 | 1 | 124 | 114 | 10 | 12 |
| 3 | UR Nyarugenge | 5 | 3 | 0 | 2 | 138 | 118 | 20 | 11 |
| 4 | UR Rusizi | 5 | 1 | 2 | 2 | 94 | 103 | -9 | 9 |
| 5 | UR Busogo | 5 | 1 | 1 | 3 | 89 | 107 | -18 | 8 |
| 6 | UR Remera | 5 | 1 | 0 | 4 | 62 | 107 | -45 | 7 |

| LEAGUE B TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Gorillas HC | 4 | 4 | 0 | 0 | 114 | 91 | 23 | 12 |
| 2 | TVET Mutenderi | 4 | 2 | 0 | 2 | 95 | 97 | -2 | 8 |
| 3 | UR Rwamagana | 3 | 2 | 0 | 1 | 71 | 68 | 3 | 7 |
| 4 | UR Nyagatare | 3 | 0 | 0 | 3 | 67 | 75 | -8 | 3 |
| 5 | GS St. Aloys | 2 | 0 | 0 | 2 | 39 | 55 | -16 | 2 |

**FEDERATION RWANDAISE DE HANDBALL**

**2022 WOMEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE**

**SECOND ROUND (PHASE RETOUR) TABLE STANDINGS**

| LEAGUE A TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | ISF Nyamasheke | 6 | 6 | 0 | 0 | 150 | 73 | 77 | 18 |
| 2 | GS Kitabi | 6 | 2 | 1 | 3 | 106 | 99 | 7 | 11 |
| 3 | Three Stars | 5 | 2 | 1 | 2 | 89 | 90 | -1 | 10 |
| 4 | UR Rukara | 5 | 0 | 0 | 5 | 45 | 128 | -83 | 5 |

| LEAGUE B TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Gicumbi WHC | 6 | 6 | 0 | 0 | 185 | 54 | 131 | 18 |
| 2 | Kiziguro SS | 6 | 5 | 0 | 1 | 214 | 55 | 159 | 16 |
| 3 | UR Nyagatare | 6 | 2 | 1 | 3 | 64 | 117 | -53 | 11 |
| 4 | UR Huye | 6 | 1 | 1 | 4 | 47 | 149 | -102 | 9 |
| 5 | UR Remera | 6 | 0 | 0 | 6 | 20 | 155 | -135 | 6 |

## Athletics:

## Kigali Night Run ibanziriza Kigali International Marathon 2022 yitabiriwe na benshi

Kigali Night Run ibanziriza isiganwa mpuzamahanga rya "Kigali International Peace Marathon 2022", yabaye ku mugoroba wo ku wa Gatanu taliki ya 13 Gicurasi 2022, aho yitabiriwe n'abantu b'ingeri zose hagamijwe gushishikariza Abanyarwanda by'umwihariko abatuye umujyi wa Kigali gukunda no gukora siporo.

Abitabiriye "Kigali Night Run 2022" bahagurutse mu ihuriro ry'imihanda riri hagati y'inyubako za KCB, Kigali Height na Convetion Center (KCC), bazenguruka KCC bamanuka basa naberekeza ku Kacyiru bazenguruka ihuriro ry'imihanda riri imbere ya kaminuza ya Kigali (University of Kigali), barazamuka bakomeza umuhanda wa KBC berekeza Kimihurura bakatira ku ihuro ry'imihanda rya Kimihurura.

Iyi Kigali Night Run itegura isiganwa mpuzamahanga rya Kigali International Peace Marathon riteganyijwe ku itariki ya 29 Gicurasi, rikazaba mu byiciro bibiri, icy'abiruka marathon (ibilometero 42) n'abiruka igice cya marathon (ibirometero 21).

Kugeza ubu kwiyandikisha kubazitabira iri rushanwa bikaba byaratangiye ndetse abakinnyi 17 bagize ikipe y'Igihugu y'u Rwanda bazitabira iri rushanwa bakaba bari mu mwiherero mu Kigo cy'Iterambere ry'Umukino w'Amagare mu gihugu kiri mu Karere ka Musanze.

Andi makuru ku myiteguro y'iri rushanwa ndetse no kwiyandikisha, kanda hano.



## ARPST:

## Imikino y'umunsi wa 6 ya championnat y'abakozi yarakomeje

Kuwa gatanu taliki 13 no kuwa gatandatu taliki 14 Gicurasi 2022 habaye imikino y'umunsi wa 6 ya shampiyona y'Igihugu y'ibigo bya Leta n'ibyigenga.

**Uko imikino yagenze:**

**Taliki 13 Gicurasi 2022**

**Football**
- RSSB 2-3 CHUB
- NISR 6-0 UR
- IPRC KIGALI 4-2 BRD

**Volleyball**
- RRA 3-0 RMS

**Taliki 14 Gicurasi 2022**

**Basketball**
- PRIMATURE 63-26 PARLEMENT
- CHUB 46-43 UR
- BK 92 -54 I&M BANK
- STEKOL 74-41 BRALIRWA



# NPC Rwanda:
## Habaye Inama y'inteko rusange isanzwe

Ku Cyumweru taliki 15 Gicurasi 2022 habaye Inama y'inteko rusange isanzwe ya Komite y’imikino y’abantu bafite ubumuga mu Rwanda “NPC-Rwanda”, iyobowe na Perezida wa NPC-Rwanda Bwana Murema Jean Baptiste.

**Ingingo zaganiriweho:**

- Gusoma no kwemeza inyandiko mvugo y'inama y'inteko rusange yo mu w'2021.
- Kumurikira abanyamuryango raporo y'ibyakozwe mu mwaka ushize wa 2021.
- Kumurikira abanyamuryango gahunda y'ibikorwa biteganijwe mu mwaka wa 2022.
- Kumurikira abanyamuryango raporo y'ikoreshwa ry'umutungo mu mwaka w'2021.
- Raporo y'akanama nkemurampaka.

**Imwe mu myanzuro yafatiwe muri iyi nama:**

- Kwiga uburyo hajya hakinwa imikino y'abantu bafite ubumuga muri za Kaminuza.
- Gushaka uburyo hakinwa imikino y'abana bafite ubumuga mu mashuri yisumbuye.
- Hemejwe ko imikino y'abantu bafite ubumuga bwo kutavuga no kutumva yajya iba mbere y'ukwezi kwa 6 nk'iyindi.
- Hasabwe ko hakwigwa uburyo bw'imikorere n'imikoranire ku bantu bifuza gukora Siporo z'abantu bafite ubumuga kandi DPSCO ikamenya ibyiciro by'abantu bose bafite ubumuga.
- Buri kipe kugira ngo yitabire Shampiyona igomba kujya ibanza kuzuza inzego.
- Gushyiraho komite z'abatoza mu byiciro byose mu mikino y'abantu bafite ubumuga.
- Kurushaho guteza imbere umukino wa Amputee Football.
- Kongera imikino y'abafite ubumuga irimo (Judo, Swimming na Badminton).
- Gushyiraho Amashyirahamwe y'imikino ya Sitting Volleyball na Goalball bitarenze muri Nzeri 2022.



*Perezida wa NPC-Rwanda Bwana Murema Jean Baptiste (iburyo) atangiza Inteko Rusange.*



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave